


KUGANZA



kuganza kw' abanyagihugu beza biteza imbere umuryango mugari dutuyemo; ariko ubumara bw' inkozi z' ibibi zikabisenya

IHAME RY' ICYUMWERU

Kuganza ni mbaraga ziba mu muntu zishobora gukora ku myifatire y'abandi hadakoreshejwe agahato cyangwa ububasha. Ibi bivuze ko tugomba kubaho dukoresha kuganza aho gukoresha imbaraga uhabwa n' ubuyobozi. Hari igihe mu buzima cyo dukeneye gukoresha ububasha kugira ngo duhangane n' imyitwarire yatandukiriye, ariko ntibivuze ko ari bwo buryo bwiza twakoresha gusa. Kuganza biyobora abantu kurusha uko wabatwara. Kwicisha bugufi kwacu cyangwa imyumvire bizaba umugenga wa mbere mu kuganza abandi.

Hari inyigo yakozwe mu myaka yahise ivuga kw' itangazamakuru rinoze. Byaje kugaragara ko abantu baganzwa kuri 7% n' amagambo tuvuga, 38% n' uburyo tubavuga, ndetse na 55% ku bikorwa gusa nta magambo. Icyo turi cyo kiravuga cyane bityo abantu ntibumve cyane ibyo tuvuga kuko bigaragara.

Izina ryacu n' imyifatire yacu nibyo bitwikira izina. Uko dufata ibibazo, ujye ukomeza urugendo kabone nubwo bese babivamo, kandi ukomeze wizere mu ntego yawe nubwo abandi bashidikanya ku bisubizo icyi nicyo kigaragaza umuntu waganza abandi.

Kuganza bihera kuri kamere, imyifatire hamwe n' imiterere yawe, kandi nicyo turicyo. Akenshi ibikorwa byacu ntabwo bisa nuwo tuvuga ko turi we. Ni akazi ka kamere yacu kuyobora imyitwarire yacu no kudukushya "izina rizima". Izina rizima rero rikubera umuvugizi.

Icyo turi cyo byubaka kandi bikazamura izina dufite. Tugatangira kureshya abandi bityo kuganza kwacu kukakirwa ndetse kukaguka. Kugurisha cg kwizamura bikunze kuramba.

Kuba inyangamugayo, kugira umurava no kubaka izina ryiza bizakurura abandi maze bisange wabaganje.

Kuganza ubusanzwe tubigeraho bitewe naho twanyuze mu buzima hamwe nicyo twahakuye. Indangagaciro n' amahame twakurikije mu buzima bwacu ibi rero bigaragara niba ukuganza kwacu ari kwiza cg kubi.

INYUNGU

1. Iyo waganje abantu mu bana, uba uhinduye isi.
2. Abantu bumva ibyo uvuga kandi bikabakora ku mutima.
3. Uzagira amahirwe yo kubera abandi akarorero nabo bashobora kugera nkaho wageze.
4. Utera abandi bakubona kwizera ko ibintu bishoboka.
5. Utera abandi umwete kandi ukazamura ubushizi bw' amanga.

INTAMBWE ZIKURIKIZWA

1. Iteka ujye ushaka ibisubizo.
2. Hatiriza mu gihe abandi bakuyemo akarenge.
3. Izere mu gihe abandi bashidikanya.
4. Ubaka kamere yawe.
5. Gira icyerekezo kizima ku byo ushaka kugeraho maze ubishyireho umutima.
6. Gira ubwira bwo kudaha agaciro ibintu

Inzira ni mikorere yo KUGANZA



biguca intege gusa ushikame ku nzosi zawe.

7. Komezwa amabanga yawe aguteza imbere.
8. Orohera abandi kandi ukorere mu mucyo.

Abayobozi bafite imbaraga yo kuganza/kuvuga rikijyana bagaragazwa n' igihe maze bakemezwa n' imyumvire yabo ivuga instinzi, kwiyezwa umurimo no kugera ku bisubizo mu buzima. Ubuyobozi nyabwo buboneka mu mbaraga zo kuganza bityo bikubaka izina rirambye kandi abantu bibonamo.

Kuganza ni igisubizo cyikora binyuze mu gukoresha imbaraga zidasanzwe ku muyobozi. Iterambere rizaba rigaragara kuri bese babona ibikorwa byawe bityo bibatere amatsiko yo kumenya ibanga ukoresha. Iyo wateye abandi amatsiko, amarembo aba yagutse kugira ngo usangire ubumenyi n' abandi. Ni inshingano ikomeye kuganza abantu mu cyerekezo kizima ndetse no mu buryo bufututse.

Kuganza bigomba gufatwa nk' igihembo kinini nyuma y'ubu buzima tubamo. Mu gihe

uhisemo kutajya ku mwanya uguhesha akanya ko kuganza abandi, ubuzima bwawe rero buzayoborwa nabazahitamo kuganza abandi.

Icyi ni cyifuzo gikomeye cy' abantu cyo gukora impinduka. Kubaho ubuzima bugendera ku mahame bizaguha ikintu cy' agaciro uzasangira n' abandi. Ibi bitanga imbaraga izarema umusingi wo kuganza abandi.

Hari imvugo ivuga ngo wayobora ifarasi ku mugezi ariko ntiwahatira kuyanywa; ibi ni ukuri, nyamara kandi wayiganza ushyizemo umunyu mu byatsi byayo.

IBAZE KANDI USUBIZE

1. Ese waba urimo kuganza iki ku bwa none?
2. Ese uraganza n' imyumvire nyayo hamwe ni bikorwa nyabyo?
3. Ese ni buryo ki wakongera uko uganza abandi mu buzima bwabo.

Ibuka....Intekerezo zibyara ibikorwa, Ibikorwa bibyara ingeso, Ingeso zirema kamere, yacu Nuko kamere igena ejo hacu hazaza!

Isuzume Kuva kuri 1 kugera 10	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
Kuki wihaye aya manota?										
Nizihe nyungu azabona mu gihe uzamuye amanota yawe?										
Ese ni kihe gikorwa wakwitoza mu ku gerageza inyungu ziri hame??										
Ingengabihe kw' ihame usoma buri muni	M	T	W	T	F	S	S			